## ARRETE PRESIDENTIEL No 292/04 DU 15 MAI 1987 RELATIF AUX REGLES DE CONSTITUTION, DE GESTION ET DE COMPTABILITE DES REGIES DES COMMUNES RURALES EN VUE DE LA PRISE EN CHARGE DES OUVRAGES ET SERVICES D'APPROVISIONNEMENT EN EAU.

Nous, HABYARIMANA Juvénal,
Président de la République,

Vu la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 88 et 90;

Vu le décret-loi No 23/79 du 31 août 1979 sur la comptabilité publique, spécialement en son article 19;

Vu l'arrêté présidentiel No 213/01 du 15 décembre 1967 portant réglement général de la comptabilité communale;

Sur proposition de Notre Ministre des Travaux Publics et de l'Energie et de Notre Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal et après avis du Conseil du Gouvernement en sa séance du 27 février 1987,

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

### CHAPITRE PREMIER : DOMAINE D'APPLICATION.

#### ARTICLE PREMIER.

Au sens du present arrêté, les communes rurales sont celles qui ont l'administration du territoire rural dans leurs attributions.

En l'espèce, ce territoire est formé des secteurs et parties de secteurs communaux qui ne sont pas inclus dans les limites des circonscriptions urbaines et qui, par ailleurs, ne font pas l'objet de monopoles de desserte par d'autres organismes de production, transport et distribution d'eau,

## ITEKA RYA PEREZIDA No 292/04 RYO KUWA 15 GICURASI 1987 RYEREKEYE AMATEGEKO ASHINGA REJI ZA KOMINI ZO MU CYARO, AGENGA IMITEGEKERE N'UBUCUNGAMARI BWAZO, KUGIRA NGO ZIFATE NEZA IBIKORWA N'IMIRIMO YO KUZIGEZAHO AMAZI.

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali,
Perezida wa Repubulika,

Tumaze kubona Itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 88 n'iya 90;

Tumaze kubona itegeko-teka No 23/79 ryo kuwa 31 Kanama 1979 ryerekeye ibarura ry'amafaranga ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 19;

Tumaze kubona iteka rya Perezida No 213/01 ryo kuwa 15 Ukuboza 1967 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibarura ry'amafaranga ya Komini;

Tubisabwe na Minisitiri Wacu w'Imirimo ya Leta n'Ingufu na Minisitiri Wacu w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, kandi tumaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Guverinema yateranye ku wa 27 Gashyantare 1987,

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :

### UMUTWE WA MBERE : AHO AYA MATEGEKO AKURIKIZWA.

#### INGINGO YA MBERE.

Nk'uko iri teka ribisobanura, Komini zo mu cyaro ni izishinzwe ubutegetsi mu ifasi yo mu cyaro.

Ubwo iyo fasi yo mu cyaro igizwe na segiteri za Komini n'ibice byazo zitari mu mbago z'imijyi kandi zikaba na none zitihariwe n'ibindi bigo bishinzwe gutunganya amazi, kuyayobora no kuyakwirakwiza

## CHAPITRE II : DES DIFFERENTES REGIES.

### ART. 2.

La gestion des installations hydrauliques, existantes ou à créer, et des services d'approvisionnement en eau des communes rurales est assurée sous forme de régie.

### ART. 3.

La commune peut désigner comme régisseur :

- soit un établissement public national ou une entreprise spécialisée choisis en raison de leurs capacités techniques et professionnelles, autrement dénommé «régisseur professionnel»;
- soit un établissement administratif communal qu'elle constitue à cet effet, ou «régisseur administratif»;
- soit une association ou un regroupement d'usagers, dit «régisseur associatif».

### ART. 4.

La régie associative est le mode ordinaire de gestion des installations et des services d'approvisionnement en eau des communes rurales.

### ART. 5.

Les modalités d'exécution et l'étendue des tâches confiées au régisseur sont définies par chaque commune.

Le régisseur dispose dans tous les cas de l'autonomie financière.

Les pouvoirs et droits du régisseur de s'engager à l'égard des tiers sont définis par l'acte instituant la régie et désignant le régisseur.

### ART. 6.

La régie administrative ou la régie associative est instituée par un règlement communal délibéré par le Conseil Communal conformément aux articles 32, 87 et 88 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale.
Ce règlement crée en même temps, l'organisme régisseur, à moins que celui-ci ne soit déjà pourvu d'une personnalité ou d'une capacité juridique suffisante.

### ART. 7.

La régie professionnelle est instituée sous forme d'une convention passée entre la commune et le régisseur. Cette convention définit les tâches et les prérogatives du régisseur et est approuvée par le Conseil Communal avant d'être signée par le Bourgmestre.

## UMUTWE WA II : ZA REJI.

### INGINGO YA 2.

Gucunga ibikorwa by'amazi biriho cyangwa bizashyirwaho, kimwe n'imirimo yo kuzanira amazi Komini zo mu cyaro, bikorwa ku buryo bwa reji.

### INGINGO YA 3.

Komini ishobora gushinga ubuyobozi :

- ikigo cya Leta cyangwa ikigo kibizobereyemo cyatoranyijwe hakurikijwe ubushobozi bwacyo muri tekiniki no ku mwuga, bikitwa ko ubuyobozi bushingiye ku mwuga;
- ikigo cy'ubutegetsi bwa Komini gishyirirwaho iyo mpamvu, bikitwa ko ubuyobozi bushingiye kuri Komini;
- cyangwa ishyirahamwe ry'abavomyi, bikitwa ko ubuyobozi bushingiye ku ishyirahamwe.

### INGINGO YA 4.

Reji y'abashyirahamwe ni bwo buryo busanzwe bwo gucunga ibikorwa n'imirimo yo kugeza amazi muri Komini zo mu cyaro.

### INGINGO YA 5.

Uburyo umuyobozi wa reji agomba kurangiza imirimo yashinzwe n'ukuntu ingana, bushyirwaho na buri Komini.

Umuyobozi wa reji afite uburenganzira bwo kwigenga ku mari.

Ububasha n'uburenganzira umuyobozi wa reji afite bwo kugirana amasezerano n'abandi, buvugwa mu cyemezo gishinga reji kandi gishyiraho umuyobozi wayo.

### INGINGO YA 6.

Reji ya Komini cyangwa reji y'ishyirahamwe ishyirwaho n'itegeko rya Komini ryemejwe n'inama ya Komini hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 38, iya 87 n'iya 88 z'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini. Iryo tegeko rya Komini rishyiraho urwego ruyobora reji keretse nibura igihe iyo reji iba ifite ubuzima gatozi cyangwa ubushobozi buhagije mu by'amategeko.

### INGINGO YA 7.

Reji ishingiye ku mwuga ishyirwaho mu buryo bw'amasezerano Komini igirana n'umuyobozi wa reji. Ayo masezerano ateganya imirimo n'ububasha bw'umuyobozi wa reji kandi akemerwa n'inama ya Komini mbere y'uko Burugumesitiri ayashyiraho umukono.

### ART. 8.

Le réglement ou la convention visée aux articles 6 et 7 définissent notamment :

a) les prestations à fournir aux usagers, en quantité et en qualité;

b) les contributions, prix et taxes à exiger des usagers ainsi que les modalités de leur perception, de leur recouvrement et de leur comptabilisation;

c) les apports en travail à fournir par les usagers et l'organisation dudit travail;

d) les installations existantes à prendre en charge et leurs conditions de maintenance technique et de renouvellement;

e) les installations neuves éventuelles à créer et les modalités d'exécution de ces travaux neufs;

f) le personnel communal mis à disposition du régisseur;

g) les branchements et abonnements pouvant être consentis;

h) les facilités et prérogatives accordées par la commune au régisseur;

i) les documents budgétaires et comptables à dresser par lui selon les modèles à arrêter par le Ministre qui a l'intérieur dans ses attributions;

j) les programmes prévisionnels et comptes rendus d'activités à présenter, au besoin oralement, par le régisseur;

k) les modalités de contrôle et d'intervention de l'autorité communale.

### ART. 9.

La commune peut confier la régie de ses installations et de son service hydrauliques à plusieurs régisseurs. Chacune des régies fait l'objet d'un acte distinct.

### ART. 10.

Le Conseil Communal peut constituer un comité communal consultatif en matière de l'eau.
Ce comité qui est chargé de donner ses avis sur toutes les questions de l'eau comprend tous techniciens et toutes personnes que le Conseil Communal désigne, dont notamment les représentants des usagers.

La constitution d'un tel comité est obligatoire lorsque la commune en question n'a pas désigné de régisseur associatif. En ce cas, les représentants des usagers, éventuellement grou-

### INGINGO YA 8.

Itegeko cyangwa amasezerano avugwa mu ngingo ya 6 n'iya 7 bigaragaza cyane cyane :

a) ibigomba gukorerwa abavomyi, uko bingana n'uko biteye;

b) imisanzu, igiciro n'amafaranga byakwa abavomyi kimwe n'uko bigomba gutangwa, kwishyurwa no kubarurwa;

c) inkunga mu mirimo y'amaboko igomba gukorwa n'abavomyi, n'amabwiriza agenga iyo mirimo;

d) ibikorwa bisanzweho bigomba kwishingirwa, n'uburyo bwa tekiniki yo kubyitaho no kubivugurura;

e) ibikorwa bishya bishobora gushyirwaho, n'uburyo imirimo mishya igomba gukorwa;

f) abakozi ba Komini bahawe umuyobozi wa reji;

g) imiyoboro y'amazi n'ifatabuguzi rishoboka;

h) uko Komini izafasha umuyobozi wa reji kugira ngo arangize imirimo ye n'ubushobozi yahawe;

i) inyandiko z'ingengo y'imari n'iz'ububarura-mari agomba gukora akurikije uko bizateganywa na Minisitiri ushinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu;

j) guteganya uko amafaranga azajya yinjira n'uko umuyobozi wa reji azajya akora raporo z'imirimo ye, byaba ngombwa akabivuga mu magambo;

k) uko Komini yajya ikora igenzura n'ukuntu ubutegetsi bwa Komini bwabikurikirana.

### INGINGO YA 9.

Komini ishobora gushinga imicungire y'ibikorwa n'ubuyobozi bw'imirimo y'amazi abantu benshi bayobora reji. Buri reji ikagira amasezerano yihariye.

### INGINGO YA 10.

Inama ya Komini ishobora gushyiraho komite ya Komini igishwa inama mu byerekeye amazi.
Iyo komite igishwa inama ku bibazo byose byerekeye amazi igizwe n'impuguke zose n'abandi bantu bashyizweho n'Inama ya Komini, barimo cyane cyane abahagarariye abavomyi.

Gushyiraho iyo komite biba ngombwa iyo Komini ibigenewe itashyizeho umuyobozi wa reji y'ishyirahamwe. Icyo gihe, abahagarariye abavomyi nk'uko baba bishyize hamwe,

pés autour des points d'eau. forment la majorité des membres du comité, lequel est alors obligatoirement saisi pour avis des délibérations du Conseil Communal les plus importantes.

CHAPITRE III : DES REGIES ASSOCIATIVES.

ART. 11.

La régie associative est formée de groupements d'usagers d'une source ou d'une borne-fontaine constituant un point d'eau public.

ART. 12.

Chaque groupement de point d'eau désigne son ou ses représentants pour constituer le comité de la régie associative.

Ce comité choisit en son sein trois membres pour former le bureau, organe d'exécution et d'administration de la régie associative.

Le Bourgmestre est de droit président d'honneur de la régie associative. Les conseillers communaux sont de droit présidents d'honneur du ou des groupements d'usagers de leurs secteurs.

ART. 13.

Plusieurs groupements d'usagers de points d'eau appartenant ou non à une même commune et à une même préfecture peuvent s'organiser en regroupements spécialisés par aires géographiques ou par ensembles de points d'eau.

Plusieurs regroupements appartenant ou non à une même commune ou à une même préfecture peuvent de leur propre initiative coordonner leurs efforts et participer à des assemblées communes.

Il en est de même des comités de régie.

ART. 14.

Les groupements, regroupements et comités s'adressent directement aux autorités communales.

ART. 15.

Des régies associatives inter-communales peuvent être constituées par la réunion de groupements d'usagers, de regroupements d'usagers et de comités de régies associatives à la demande des associations inter-communales formées par les communes rurales en vue de la gestion commune d'installations et de services hydrauliques.

bakurikije aho bavoma, bagira umubare munini muri kom[illegible] ikaba rero ari na yo igomba kugishwa inama ku byerek[illegible] ibyemezo bikomeye Inama ya Komini ishaka gufata.

UMUTWE WA III : REJI Z'AMASHYIRAHAMWE.

INGINGO YA 11.

Reji ishingiye ku ishyirahamwe igizwe n'amashyira[illegible] mwe y'abavomyi bakoresha isoko imwe cyangwa ivomo ri[illegible] rirwaho na bose.

INGINGO YA 12.

Buri shyirahamwe ryitoramo umuntu cyangwa aban[illegible] benshi barihagarariye kugira ngo hashyireho komite ya r[illegible] y'ishyirahamwe.

Iyo komite yitoramo abantu batatu bagize biro, ari rw[illegible] rwego rushinzwe imirimo kandi rutegeka reji y'ishyirahamw[illegible]

Burugumesitiri ni we perezida w'icyubahiro wa r[illegible] y'ishyirahamwe. Abajyanama ba Komini ni bo ba perezi[illegible] b'icyubahiro b'amashyirahamwe y'abavomyi bo muri segite[illegible] zabo.

INGINGO YA 13.

Amashyirahamwe y'abavomyi bahuriye ku mariba a[illegible] cyangwa atari muri Komini imwe ariko ayo mariba ari mu[illegible] Perefegitura imwe, ashobora kwiremamo amashyirahamw[illegible] abizobereyemo hakurikijwe uturere arimo cyangwa amari[illegible] yegeranye.

Amashyirahamwe y'abavomyi bari cyangwa batari mu Komini imwe cyangwa Perefegitura imwe ashobora ku bwa[illegible] guhuriza hamwe imbaraga zayo akagira amanama rusange.

Ni na ko biba ku byerekeye komite ya reji.

INGINGO YA 14.

Amashyirahamwe, urwunge rw'amashyirahamwe na [illegible] komite, bishyikiriza ibyifuzo byabyo abategetsi ba Komin[illegible]

INGINGO YA 15.

Reji z'amashyirahamwe mpuza—Komini zishobora kub[illegible] zigizwe n'ikomatanyo ry'amashyirahamwe y'abavomyi, ry'u[illegible] rwunge rw'amashyirahamwe y'abavomyi n'ikomatanyo ry[illegible] komite za reji y'amashyirahamwe, bisabwe n'amashyirahamw[illegible] mpuza—Komini yashinzwe na Komini zo mu cyaro kugira ng[illegible] zicungire hamwe ibikorwa n'imirimo yerekeye amazi.

ART. 16.

Le comité de la régie associative propose chaque année à l'agrément du Conseil Communal un état descriptif, éventuellement par point d'eau ou par ensemble de points d'eau, des contributions qui seront demandées aux membres des groupements d'usagers. Ces contributions dites associatives prennent la forme de cotisations monétaires et d'apports en travail.

Le montant et la nature de la contribution associative peuvent varier pour prendre en compte la situation familiale sociale et économique de certaines catégories d'usagers.

ART. 17.

En même temps qu'il donne son agrément aux propositions de contributions associatives visées à l'article 16, le Conseil Communal arrête les prix et les taxes à exiger des usagers qui ne sont pas membres des groupements ou dont la participation aux activités des groupements est jugée insuffisante par le comité.

Les décisions du Conseil Communal en matière de taxe sont prises conformément aux articles 124, 125 et 128 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale.

L'application de ces prix et taxes ne peut avoir pour effet de porter le coût de l'eau fournie publiquement au delà d'un seuil correspondant à cinq fois le montant de la cotisation monétaire versée au titre de la contribution associative de l'article 16.

L'établissement et le recouvrement des taxes est de la seule compétence de l'administration communale.

Le produit des taxes ainsi recouvrées, diminué des frais de recouvrement engagés par la commune, est versé à la régie associative.

ART. 18.

La régie associative obéit aux règles de gestion et de comptabilité de droit commun. Elle choisit ses fournisseurs et entreprises, elle passe tous contrats d'assistance et de maintenance. Elle dépose ses fonds dans la banque de son choix. Elle constitue les réserves et provisions nécessaires, conformément aux règles arrêtées par le règlement communal visé à l'article 8 du présent arrêté.

ART. 19.

Chaque groupement des usagers d'un point d'eau fait face aux dépenses d'entretien et de consommation. Les dépenses sont effectuées par le groupement lui-même. La régie associative tient le registre des recettes et des dépenses de chaque groupement.

INGINGO YA 16.

Buri mwaka, Komite ya reji y'amashyirahamwe iha Inama ya Komini kugira ngo ibyemere, inyandiko yerekana uko imisanzu y'abagize amashyirahamwe y'abavomyi izaba ingana, byaba ngombwa ikabigira kuri buri riba cyangwa ku mariba akomatanyirijwe hamwe. Urwo ruhare rw'amashyirahamwe ni amafaranga n'imirimo y'amaboko.

Umubare w'amafaranga cyangwa ingeno y'umusanzu uzatangwa bishobora kurutana bitewe n'uko umuryango n'umutungo wa bamwe mu bavomyi byifashe.

INGINGO YA 17.

Mu gihe yemera ibyifuzo byerekeye imisanzu y'abashyirahamwe ivugwa mu ngingo ya 16, Inama ya Komini ishyiraho ibiciro n'amahoro byakwa abavomyi batari mu bagize amashyirahamwe cyangwa ibyakwa abo komite ibona ko badafatanya bihagije n'abagize amashyirahamwe.

Ibyemezo by'inama ya komite ku byerekeye amahoro bifatwa hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 124, iya 125 n'iya 128 z'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini.

Gushyiraho ibyo biciro n'ayo mahoro ntibishobora kuba bigamije kuzamura igiciro cy'amazi ngo kirengeho inshuro eshanu umubare w'amafaranga atangwa mu buryo bw'umusanzu w'amashyirahamwe uvugwa ku ngingo ya 16.

Gushyiraho amahoro no kuyishyuza bigenewe ubutegetsi bwa Komini bwonyine.

Amahoro yakiriwe kuri ubwo buryo, amaze kuvanwaho amafaranga Komini yatanze iyishyuza, ashyikirizwa reji y'ishyirahamwe.

INGINGO YA 18.

Reji y'ishyirahamwe yubahiriza amategeko asanzwe yo gucunga no kubarura imari. Yihitiramo abayohererereza ibintu n'abayikorera imirimo, ikanagirana amasezerano yose n'abayifasha kurangiza imirimo ishinzwe n'ayo gutuma ihora igenda neza. Umutungo wayo ubikwa muri Banki yihitiyemo. Izigama amafaranga yo kwitega iminsi n'ayandi agenewe gukoreshwa, hakurikijwe amategeko yashyizweho n'Inama ya Komini nk'uko bivugwa mu ngingo ya 8 y'iri teka.

INGINGO YA 19.

Buri shyirahamwe ry'abavomyi-bahuriye ku iriba rimwe ryishingira amafaranga yo kurifata neza n'andi yo kwishyura amazi yakoreshejwe. Amafaranga asohoka atangwa n'iryo shyirahamwe. Reji y'ishyirahamwe igira igitabo cyandikwamo amafaranga yinjira n'asohoka ya buri shyirahamwe.

ART. 20.

Les travaux de gros entretien, de renouvellement et les travaux neufs sont décidés et entrepris par le comité de régie après accord du Conseil Communal.

Les dépenses correspondantes proviennent des réserves et provisions constituées à cet effet par la régie auxquelles s'ajoutent notamment les subventions communales ainsi que les contributions de l'Etat et des fonds nationaux.

CHAPITRE IV : DES DISPOSITIONS DIVERSES.

ART. 21.

Les budgets et opérations des régies font l'objet de comptes hors-budget annexés aux budgets communaux.

Hormis le cas de la régie administrative, les comptes de régies font l'objet d'une présentation simplifiée. Ils sont accompagnés d'un état du patrimoine et des dépôts en numéraires constitués par le régisseur pour la bonne gestion de la régie.

Les modalités de présentation de ces comptes seront précisées, s'il est nécessaire, par arrêté du Ministre qui a l'intérieur dans ses attributions.

ART. 22.

En cas de manquements graves et persistants à ses devoirs et à ses charges, le régisseur professionnel ou associatif peut, après une mise en demeure publique infructueuse adressée à lui par le Conseil Communal, être déclaré déchu. La déchéance est prononcée sous forme d'annulation ou de résiliation du règlement communal instituant la régie associative ou la convention passée entre la commune et le professionnel.

Les biens et fonds de la régie sont d'office incorporés au domaine public de la commune.

La mise en demeure adressée à une régie associative oblige le comité à réunir endéans huit jours une assemblée générale des usagers formant les groupements autour des points d'eau. Passé ce délai, le Conseil Communal prend toute décision qu'impose la situation.

Les régies administratives sont réformées ou supprimées sans qu'il soit nécessaire de suivre la procédure des alinéas qui précèdent.

ART. 23.

Les actes des communes relatifs à la constitution, à l'organisation et au fonctionnement de leurs régies font

INGINGO YA 20.

Imirimo ikomeye yo gutunganya amariba, yo kuvugurura ibikoresho n'imirimo mishya igomba gukorwa yemezwa kandi igakoreshwa na Komite ya reji imaze kubyemererwa n'Inama ya Komini.

Amafaranga atangwa kuri iyo mirimo akomoka kuyazigamiwe kwitega iminsi no kuyazigamiwe ibindi bikorwa yagenewe na reji kandi akongerwaho imfashanyo za Komini n'imisanzu ya Leta n'iy'ibigega byayo.

UMUTWE WA IV. : ANDI MATEGEKO.

INGINGO YA 21.

Ingengo y'imari n'inyandiko z'ubucungamari bwa za reji bishyirwa kuri konti zitari mu ngengo y'imari, zikaba umugereka w'ingengo y'imari ya Komini.

Uretse ibyerekeye reji ya Komini, konti za reji zigaragazwa mu nyandiko yoroheje. Ziherekezwa n'inyandiko zerekana umutungo n'andi mafaranga abitswe n'umuyobozi wa reji kugira ngo reji icungwe neza.

Nibiba ngombwa, uburyo izo konti zigomba kugaragazwa buzashyirwaho n'iteka rya Minisitiri ushinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu.

INGINGO YA 22.

Iyo umuyobozi wa reji ishingiye ku mwuga cyangwa ku ishyirahamwe akomeje gukora amakosa akomeye yo kutita ku mirimo ye no ku byo ashinzwe, akabyibutswa bwa nyuma ku mugaragaro ntibigire icyo bitanga, Inama ya Komini ishobora kumuvanaho. Inyandiko imuvanaho ni icyemezo cy'Inama ya Komini gisesa itegeko rya Komini rishyiraho reji y'ishyirahamwe cyangwa risesa amasezerano Komini yagiranye na reji ishingiye ku mwuga.

Umutungo n'amafaranga ya Reji, bihita bijya mu mutungo rusange wa Komini.

Gukangara bwa nyuma umuyobozi wa reji y'ishyirahamwe bisaba Komite guhamagara mu minsi munani inama rusange y'abavomyi bibumbiye ku iriba rimwe. Iyo icyo gihe kirenze, Inama ya Komini ifata icyemezo gikwiranye n'uko ibintu byifashe.

Reji za Komini zo ziravugururwa cyangwa zikavanwaho hatagombye gukurikizwa ibivugwa mu bika bibanza.

INGINGO YA 23.

Ibyemezo bya Komini byerekeye gushyiraho reji zayo, imitegekere yazo n'uko zikora, bigenzurwa n'ubutegetsi bubi-

l'objet d'un contrôle de l'autorité de tutelle dans les conditions définies notamment aux articles 33, 80 à 86, 88, 128, 130 et 138 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale ainsi qu'aux articles 22 à 26, 34 et 35 de l'arrêté présidentiel du 15 décembre 1967 portant règlement général de la comptabilité communale.

ART. 24.

Notre Ministre des Travaux Publics et de l'Energie et Notre Ministre de l'intérieur et du Développement Communal sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

ART. 25.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 15 mai 1987.

shinzwe nk'uko bisobanuye, cyane cyane mu ngingo ya 33, kuva ku ya 80 kugeza ku ya 86, iya 88, iya 128, iya 130 n'iya 138z'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini, kimwe n'uko bisobanuye kuva ku ngingo ya 22 kugeza ku ya 26, iya 34 n'iya 35 z'iteka rya Perezida ryo ku wa 15 Ukuboza 1967 rishyiraho amabwiriza rusange yo kubarura amafaranga ya Komini.

INGINGO YA 24.

Minisitiri Wacu w'Imirimo ya Leta n'Ingufu na Minisitiri Wacu w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bashinzwe kubahiriza iri teka.

INGINGO YA 25.

Iri teka rizatangira gukurikizwa ku munsi rizatangarizwaho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15 Gicurasi 1987.

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.

Le Ministre des Travaux Publics et de l'Energie,

Minisitiri w'Imirimo ya Leta n'Ingufu,

NZIRORERA Joseph.

Le Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal,

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini,

HABANABAKIZE Thomas.